



Ingingoz'ingenzi:

- o **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu gice cya kabiri cy'Ugushyingo 2016; cyagaragaje imvura yaguye hose mu Rwanda ndetse inerekana **igabanuka ku mvura mu duce twinshi tw'igihugu;**
- o **Iyongera ry'ububobere bw'ubutaka** ryagaragaye mu bice byose by'igihugu ku buryo buhagije
- o **Igice cyanyuma cy'Ugushyingo 2016;** hateganyijwe **gukomeza kugwa kw'imvura** ndetse n'igabanuka twegera umusozo w'uku kwezi mu bice byinshi by'igihugu.

I. Iriburiro


ibice byinshi by'igihugu mu gice cya 2 cy'Ugushyingo 2016; byabonye imvura hafi iminsi yose y'icyo gice (mu gihugu hagati ndetse n'amajyaruguru y'Intara y'Uburasirazuba niho habonetse imvura nyinshi yongeye kuburyo bugaragara ububobere bw'ubutaka)

Ubupimiro bwinshi kandi na none bwerekana imvura iri muni y'isanzwe iboneka iboneka muri icyo minsi.

- a) Imbonerahamwe irererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu gice cya 2 cy'Ugushyingo_2016 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri icyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Ugushy ingo_11 -20_ 2016	Ugushy ingo_11- 20
Kigali	35	42.6
Rusizi (Kamembe)	54.3	58
Rubavu (Gisenyi)	39.8	49.4
Nyamagabe (Gikongoro)	23	40.4
Ngoma (Kibungo)	37	46.3
Gicumbi (Byumba)	60	39.5
Busogo	40.7	56.4
Bugarama	16.9	60.9
Musanze (Ruhengeri)	40.7	52.8
Gitega	50.1	35.5
Rubengera	35.9	40.8
Byimana	15.4	40.5
Kawangire	28.2	51
Nyagatare	72.4	33.4




igishushanyo1


Imbonerahamwe ya1

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira zigereranya imvura yaguye mu gice cya kabiri cy’Ugushyingo 2016; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi, imvura yaguye ndetse n’isanzwe igwa mu minsi 10 yayibanjirije.


Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Ugushyingo_2016




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Ugushyingo



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): 1-10_Ugushyingo_2016



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): 1-10_Ugushyingo



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu gice cya 2 cy’Ugushyingo_2016 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy’imvura yabonetse mu minsi 10 ya mbere y’Ugushyingo 2016; cyagaragaje imvura iri mu kigereranyo cy’isanzwe iboneka mu bice byinshi by’u Rwanda (Igice cyo mu gihugu hagati ugakomeza ugana amajyaruguru y’Uburengerazuba habonetse imvura nke; reba **Ikarita3&4**)

Igiteranyo cy’imvura yabonetse mu gice cya kabiri cy’Ugushyingo 2016; cyagaragaje imvura iri mu kigereranyo cyo munsi y’isanzwe iboneka mu bice byinshi by’u Rwanda (reba **Ikarita1&2**; Igice cy’amajyaruguru y’Uburasirazuba nicyo cyabonye imvura nyinshi mu gihugu iri ku kigereranyo cyo hejuru y’isanzwe igwa):

a) Intara y’Iburasirazuba

Ukupimiro hafi ya bwose bwerekanye imvura iri munsi y’isanzwe iboneka; aho amajyaruguru y’iyi Ntara ariho habonetse imvura nyinshi mu gihugu ku bupimiro bwa Nyagatare habonetse imvura iri ku kigereranyo cyo hejuru y’isanzwe ihaboneka ingana na mm 72.4 z’imvura; “inshuro 2 z’isanzwe ihaboneka”; reba **Imbonerahamwe ya1**)

b) Intara y’Amajyaruguru

Imvura yahinduye icyerekezo, aho uburengerazuba bw’iyi Ntara bwabonye imvura nke naho uburasirazuba bukabona imvura nyinshi; ariko hose hakaba harabonetse imvura iri mu kigero kingana mu duce twose (reba **Imbonerahamwe ya1**)

c) **Intara y'Amajyepfo**

Ubupimiro bwose bwerekanye imvura nke; aho Byimana ariho habonetse imvura nke mu gihugu hose ingana na mm 15.4 z'imvura (reba **Imbonerahamwe ya1**)

d) **Intara y'i Burengerazuba**


Ubupimiro bwose bwabonye imvura iri muni y'isanzwe igwa; ariko na none imvura yabashije kugwa hose muri iyi Ntara ikaba ijya kungana n'isanzwe iboneka muri aka gace

e) **Umujyi wa Kigali**

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 (Gitega na Kigali) habonetse igiteranyo cy'imvura iri mu kigereranyo cy'isanzwe igwa (reba **Imbonerahamwe ya1** n'**Ikarita ya1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) **Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)**



Mu gice cya kabiri cy'Ugushyingo_2016; hakomeje kuboneka imvura mu bice byose by'igihugu; imvura yongereye ububobere bw'ubutaka mu Rwanda hose ku buryo bugaragara cyane (reba **Ikarita ya 5&6**)

Igice cya 3 ari nacyo cyanyuma cy'Ugushyingo (11-20), hateganijwe ugukomeza kugwa kw'imvura mu Rwanda hose; Abahinzi barongera gusabwa gukomeza kubika amazi y'imvura yo gukoreshwa mu kuhira ibihingwa)kuko nyuma y'uku kwezi hateganijwe ubuyayuke buri hejuru y'imvura iboneka mu bice byinshi by'igihugu: Ukurangira kw'imvura y'abahinzi hamwe na hamwe mu gihugu)

b) **Iteganyagihe ry'igice cya 3 Ugushyingo 2016**

Hateganyijwe gukomeza kugwa kw'imvura ndetse n'igabanuka uko tugenda twegera umusozo w'uku kwezi mu bice byinshi by'igihugu:

Umujyi wa Kigali; hateganijwe urunyurane rw'iminsi y'imvura n'iy'izuba ku ngano y'imvura iri mu kigereranyo cy'iyo dusanzwe tubona.

Intara y'Uburasirazuba; hateganijwe igabanuka ry'imvura mu bice byose by'iyi Ntara.

Intara y'Ubugerazuba; hateganijwe gukomeza kugwa kw'imvura iri mu kigero cy'isanzwe igwa.

Intara y'Amajyaruguru; hateganijwe imvura iri mu kigero cy'isanzwe igwa.

Intara y'Amajyepfo; hateganijwe igabanuka ry'imvura ku kigereranyo cy'imvura iri muni y'isanzwe ihaboneka; naho uburengerazuba bw'iyi Ntara bukazabona imvura ishobora kwiyongera ikagera ku kigereranyo cyo hejuru.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni, iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)